

Ijambo rya Nyakubahwa Madame Jeannette Kagame
mu kiganiro n'abakobwa biga muri Kaminuza
Nkuru y'u Rwanda bo mu mwaka wa mbere 2013
Huye, 2 Werurwe 2013

Ba Nyakubahwa ba Ministre turi kumwe hano mwese muteraniye hano,

Nyakubahwa umuyobozi wa Kaminuza,

Ba Nyacyubahiro mwese muteraniye hano,

Bana bacu bakobwa bacu,

Muraho neza?

Mumfashe dushimire ubuyobozi bwa Kaminuza Nkuru y' u Rwanda kubufatanye bwiza batugaragarije mu gutegura iyi forum. Twaje turi igitero ariko turagenzwa n'urukundo.

Dushimire kandi abakobwa bacu kuko mwaje kwiga hano kubera ubwenge mwagaragaje, mukaba muzahava mwitwa “intiti”. Tubashimiye kandi ko mwatwitabye kugirango tuganire nk'ababyeyi ndetse bamwe mubo turi kumwe ni bakuru banyu. Nk'umubyeyi uhagarariye ababyeyi banyu batabashije kuba bari hano, ndabibutsa ko n'ubwo imyaka murimo mwibwira ko mwiha gije, ntimukwiye gusuzugura icyo umubyeyi ababwiye ndetse mukwiye kujya mubegera kenshi mukabagisha inama kandi mukumva impanuro babaha kuko nta wundi muntu muzagira wabakunda nk'umubyeyi. N'ubwo ingaruka z'imyitarire yanyu ari mwe zibaho, mutwemerere nk'ababyeyi banyu uko turi kose tubaherekeze. Jyewe ndi umubyeyi mureke mbabwize

ukuri twebwe ababyeyi tugira amahoro iyo abana baryamye cyangwa se bari ku ishuri, naho ubundi duhora duhangayitse.

Ibiganiro nkibi, Fondation Imbutu ibisanganywe muri gahunda y'ibikorwa bigamije kubaka ubushobozi bw'urubyiruko kuko ari wo musingi wo kubaka u Rwanda rw'ejo.

Uyu muni rero tukaba twageneye iyo gahunda urubyiruko rw'abakobwa bari mu mwaka wa mbere no mu wa kabiri wa Kaminuza. Twemera ko abana bose bareshya nkuko ihame rya gender ribivuga, ariko nanone dusanga abana b'abakobwa bagomba guherekezwa mu buzima bwose kuko twasanze ko niyo habaye ikibazo, ingaruka nyinshi nibo zigeraho. Turabihuza kandi na gahunda ya Migeprof yo gutangiza ukwezi kwahariwe umugore kuzatangira tariki ya 8 Werurwe.

Tukaba turi bugirane ikiganiro gifite insanganyamatsiko igira iti: **“Begin with an end in Mind”**; tugenekereje mu kinyarwanda ni “Tangira uzirikana intengo/ Tsimburana ibakwe urangamiye itsinzi”. Iyi nsanganyamatsiko ni amagambo yavuzwe n'umwanditsi w'umuhanga witwa Stephen R. Covey mu gitabo cye cyitwa: *The 7 Habits of Highly Effective People*. N'abakangurira gushaka iki gitabo. Tukaba twarayifashishije kugirango tubashe gusobanurira urubyiruko ko bishoboka ko mbere yo gutangira igikorwa ugomba kugiha icyerekezo gihamye, ugamije kugera ku ntego kandi ukamenya kubibamo wemye mu buzima bwawe bwa buri muni.

Imbuto Foundation yemera kandi izirikana ko buri ntambwe yose y'ubuzima umuntu ageraho, igomba gutegurwa kandi neza. Ni yo mpamvu twasanze ari ngombwa ko twicara hamwe tukaganira namwe. Mubitwemerere rero kuko twe nk'ababyeyi duhorana igishyika cy'abana bacu kandi nibaza ko namwe mukenera kenshi inama zacu.

Tuzi neza ko hari byinshi ubuyobozi bwa kaminuza bubakorera ndetse turabibashimira ko abana b'abakobwa bose baje mu mwaka wa mbere bahabwa icumbi.

Bana bacu, abenshi muri twe twanyuze mu buzima murimo uyu muni n'ubwo byaba ari mu bihe bitandukanye ariko usanga ubuzima bw'abanyeshuri muri rusange bujya gusa.

Mu gihe cyacu iyo twajyaga mu mashuri makuru twarishimaga cyane, ariko twabaga dufite n'amatsiko yubwo buzima bushya dutangiye nko kutambara uniforme, kutaba mu kigo gifunze, nta animatrice n'i nzongera yo kukubuyutsa, kudasurwa n'ababyeyi cyane, kumenyana n'abandi bantu, kunguka inshuti no kwitegurira gahunda yose uko ubyumva harimo n'amasomo. Nibyo ko environment ya Kaminuza itera amatsiko, muba mushaka kumenya byinshi ariko ndagirango mbabwire ko mugomba gukomera, mugashinga imizi, ntimube victims, ntimudutenguhe. Mumenye ko abo bahungu mwigana nabo atari basaza banyu cyangwa se baso banyu. Hano nabaha personal experience, igihe narindi muli Kaminuza bagenzi bacu bigaga muri medecine bazaga kutwigisha ko gukora sex ari'ikintu cya ngombwa, nko kurya cyangwa kwambara, ko mu buryo bwa science ari bintu umuntu wese agomba gukora.

Iyo ugeze muri kaminuza koko uhasanga ubundi buzima bushya bwiza, burimo kwigenga, aliko kandi bushobora kubamo inzitizi n'ibindi. Ni yo mpamvu Imbuto Foundation yashatse gushyiraho umuco wo gutegura no gufasha urubyiruko kumenyera no kumenya kwitwara muri izo mpinduka.

Tugarutse ku nsangamatsiko yacu “**Begin with an end in Mind**”. Twe dutekereza iyi nsanganyamatsiko, twasanze muri twe hari abagiye bayigenderaho kandi ikabafasha cyane. Igihe cyose umuntu agiye gutangira ni ngombwa kubanza kumenya neza icyo ashaka, aho agana kuko bimufasha gufata ingamba zo kuzagera kuri ya ntego (target) yihaye.

Nyamara ariko, icyo twababwira ni uko urugendo rw'ubuzima atari inzira igororotse, hari aho byoroshye, aho bikomeye ariko byose ushobora kubisohokamo neza bitewe nuko wabyitwayemo.

Ngereranya ubuzima bw'umuntu nk'urugendo rw'imodoka igiye kure; iba ifite umushoferi azi aho agiye, akanywa essence, imodoka akayitunganya neza agafata urugendo; nyamara ariko mu nzira hari aho ahura n'amakorosi, hari ahamanuka, hari ahazamuka hari ahatambika, ariko umushoferi mwiza abwitwaramo neza agasohoza urugendo rwe amahoro.

Natwe rero turi abashoferi b'ubuzima bwacu. Hari ibyadufasha kugirango tugere kucyo dushaka. Kimwe muri ibyo bifasha umuntu

nicyo dukunze kwita indangagaciro. Iyo wowe ubwawe wishyiriyeho garde-fou zikurinda cyangwa zikugenga mu buzima bwawe nta shiti ugera ku ntego watangiranye. Kandi nta cyiza nko kubaka amateka yawe kabone nubwo waba ukiri muto. icyo dukoze cyose hari aho kiyandika; mu buzima tubana n'abandi byo bikaba akarusho.

Nibaza ko hari bakuru banyu muzi babasigiye amateka meza namwe mwagenderaho. Ese mujya mutekereza ku nshingano mwifiteho mwebwe ubwanyu, mufite mur'iyi kaminuza mubamo ndetse no mu gihugu muri rusange? Ese mujya mutekereza ku buzima bwanyu bwiza (health) ko aribwo bugenga kuba mwagera ku ntego mwatangiranye. Ese mujya mwiha akanya ko kwihugura mu bundi bumenyi, musoma ibitabo binyuranye, mukora ubushakashatsi n'ibindi? Mujya mwumva bavuga ngo iyo ushatse guhisha umunyafrika urandike, ndabasabye iyo mvugo tuzayivuguruzi. Ngirango mu mwanya turi bubiganireho mu buryo burambuye.

Bana bacu, mbere yuko nsoza nagirango tuze kungurana ibitekerezo kuri ibi bikurikira:

- Bajya baca umugani ngo inzira uzanyuramo uyiharura mbere kandi ngo akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
- Ni iki mwifuza ko bajya babibukiraho igihe muzaba musohotse hano?

Mbasabe mumfashe dushimire abagiye kuyobora ibiganiro kandi mbasabe, mwisanzure tunganire bisesuye, maze tugere ku mihigo dutangira gushyira mu bikorwa guhera none.

Murakoze mugire umunsi mwiza!